IBIKORWA BY'INGENZI BYA KOMISIYO Y'UBUTABERA N'AMAHORO YA DIYOSEZI YA NYUNDO MUTARAMA – GICURASI 2011.

Ibi bikorwa ndabikubira mu byiciro bibiri byingenzi aribyo:

-Kugira icyerekezo

-Guhindura imyunvire

1. Mu rwego rwo kugira icyerekezo Komisiyo y'ubutabera n'amahoro ya diyosezi ya Nyundo ikorera kuri gahunda z'imyaka icumi, buri gahunda ikaba ifite inshingano yihariye. Kuva mu mwaka wa 1999 kugera muwa 2008, inshingano yari: «Kwimakaza iyogezabutumwa rishyira imbere agaciro n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, kwihanganirana, kwiyunga». Buri yose muri izi ngingo eshatu ikagira igenamigambi ry'imyaka itatu.

Muri iyi myaka yindi turimo 2009 – 2018 inshingano ni: «***Iyogezabutumwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu niribe ishuri twitorezamo umuco w'amahoro***»

Ibi byose bishimangira icyerekezo Komisiyo y'ubutabera n'amahoro ya Diyosezi yihaye mu gutanga umusanzu wayo ariyo: «**Umuryango nyarwanda wunze ubumwe, urangwa n'umuco w'amahoro n'uwo kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu, bikaba inyigisho ihoraho mu bigize imibereho yacu yose**»

Icyo cyerekezo tugishingira ku nkingi ebyiri z'ingezi arizo:

- Ivanjili ya Yezu Kristu by'umwihariko no mu byanditse bitagatifu muri rusange;
- Inyigisho n'ubuzima ndetse n'ibikorwa by'umuhindi Gandhi hamwe n'abandi nka Martin Luther King umwirabura w'umunyamerika…….

Aba bose icyo bahuriraho ni uguharanira amahoro nta guhutaza (non violence active, évangélique et gandhienne). Yezu Kristu uwo murongo w'ubuzima awusobanura neza ku buryo butaziguye, « ***Hahirwa abatera amahoro kuko bazitwa abana b'Imana » Mt 5,9, « Subiza inkota yawe mu rwubati kuko uwicisha inkota azicishwa inkota »Mt 26,52***. Gandhi nawe yinjiye muri uwo murongo awugira indorerwamo y'imibereho n'ubuzima bye, abisobanura neza muri aya magambo: « ***Hari impanvu nyinshi zatuma mpara ubuzima bwanjye, ariko nta mpanvu nimwe yantera kwica*** ».

Nyirubutungane Papa Paul wa VI, mu butumwa yagene umunsi mpuzamahanga w'amahoro, ku itariki ya mbere Mutarama y'umwaka w'1976 yise « **INTWARO NYAZO Z'AMAHORO** » yatanze Gandhi ho urugero agira ati: « ***Iki gisekuru cyacu kiboneye urugero rwa Gandhi, umuntu w'intege nke, utanitwaje intwaro, nyamara wakoze byinshi, ndetse akageza imbaga itabarika y'abahindi ku bwigenge n'icyubahiro cy'abantu bashya*** ».

Nyirubutungane Papa Yohani Paulo wa II ati: « ***Imyumvire yose inyuranye yerekeye amahoro ubu yamaze gushyirwa ahagaragara. Igisigaye ubu ni ugukora kugira ngo intego y'ubusabane bwuje amahoro n'ibyo isaba byose, yinjire mu mitekerereze y'abantu. Twebwe abakristu twiyumvisha ukuntu duhamagariwe twese kwitoza ubwacu umuco w'amahoro, tukanashishikariza abandi kuyakunda, kubera ko amahoro ari umuzi w'Iyobokamana ryacu. Ku mukristu birasanzwe kwamamaza amahoro niko kumenyekanisha Kristu we " Mahoro yacu" (Ef;2,14), ni ukumenyekanisha Ivanjili ye yo "Nkuru nziza y'amahoro" (Ef.6,15), ni uguhamagarira abantu bose kuba mu ihirwe ribahamagarira kuba " abatera amahoro" (Cf.Mt 5,9)***».

1. Mu rwego rwo kwibutsa abakristu ko icyi cyerekezo cyo guharanira amahoro nta guhutaza, tugomba kwiyubakamo ko uburyo dukoresha bugomba kuba bwiza niba intego yacu ari nziza. «**Niba mufite igiti cyiza, n' imbuto zacyo zizaba nziza; nyamara nimugira igiti kibi, n'imbuto zacyo zizaba mbi: kuko igiti kirangwa n'imbuto zacyo**» Mt 12,33.« **Nta giti cyiza cyera imbuto mbi, nta n'igiti kibi cyera imbuto nziza** » Lk

6,43. Koko iri hame ni ishingiro ry'imibanire y'abantu cyane cyane mu gukemura amakimbirane bagirana. Icyerekezo cyacu rero nkaba nvugako niba ushaka kubaka imibanire myiza y'abantu ugomba gukoresha inzira nziza. Iyo ukoresheje imbi nubwo zatanga agahenge k'igihe gito, ni ubuhendwabana, amaherezo zibyara ibibi ndetse bisumbye ibyo washakaga gukemura.

Kuva tariki 26/04/2011 kugeza tariki 03/05/2011, abakozi ba Komisiyo y'ubutabera n'amahoro ya Diyosezi ya Nyundo bigabanyijemo amatsinda atatu maze mu biganiro mpaka bikorewe mu ma Paruwasi yose (24), bongera gukangurira abakristu kugaruka kuri iki cyerekezo. Abakristu kandi bahawe indirimbo «Amahoro iwacu», ikubiyemo ku buryo bw'incamake ariko busobanutse indangagaciro z'icyo cyerekezo:

AMAHORO IWACU

Inyikirizo : Dore intambwe iboneje ineza
Ni iyi tugamije abawe twese
Abawe twese Mana y'Amahoro
Duhase inzira ibirenge
Turayoboza ahatuye amahoro ukuri n'Ubutabera
Ngiyi imitima yacu
Amaboko n' ibiganza
Ngo aho twizera habe hano iwacu

1. Aho umunyacyaha adatsindwa
Hagatsindwa ahubwo icyaha,
Aho inabi itubaka urukuta rutarengwa
Ni aho duharanira dufatanye urunana

2. Aho intwari itica k'urugamba
Ineza ikaba ubutwari,
Aho umunyambabazi ariwe uhabwa umudende
Ni aho duharanira dufatanye urunana

3. Aho ibisekuruza bizaza
Biragwa ineza n'ubuntu,
Aho ibyahise biyungururwa ngo bitica
Ni aho duharanira dufatanye urunana

4. Aho intumwa y'ukuri idakubitwa
Igafatwa nk'umubuzi,
Aho ikinyoma gihabwa induru ngo gihunge
Ni aho duharanira dufatanye urunana

5. Aho intama ibana n'ikirura
Intare n'inyana byombi,
Aho bitoza amahoro ntibitoze indwano,
Ni aho duharanira dufatanye urunana

A.JEAN HAKORIMANA

2. Imyunvire nayo ni inzitizi mu mibanire ndetse no mu iterambere, hari nk'ikibazo cyo gukomatanya itsinda ry'abantu rikambikwa imico cyangwa inenge izi n'izi. Hari kandi imyunvire idindiza iterambere, irwanyako hagira impinduramikorere.

Dufatanyije na Komisiyo y'ubutabera n'amahoro ya Diyosezi ya Goma, muri Congo (RDC), twashoboye guhuza amatsinda anyuranye y'abanyarwanda n'abakongomani, barasabana, barushaho kumenyana. Ntibyagarukiye aho ahubwo bagiranye n'ubucuti, umuntu ku wundi, ubu barasurana ndetse n'uwavugako gushyingirana bitakiri inzozi ntiyaba yibeshye.

22/01/2011, urubyiruko rw'abanyeshuri ba za kaminuza z'i Gisenyi basuwe na bagenzi babo b'i Goma.

05/02/2011, urubyiruko rw'abakozi ruturutse Rubavu (Paruwasi Nyundo,Gisenyi na Muhato) rwasuye bagenzi babo ba Goma.

12/02/2011, itsinda ry'abagore ba Rubavu(Paruwasi Nyundo,Gisenyi na Muhato) ryasuwe na bagenzi babo ba Goma.

26/02/2011, urubyiruko rw'abanyeshuri ba za Kaminuza ba Gisenyi basuye bagenzi babo b'i Goma.

05/03/2011, itsinda ry'abagore ba Rubavu ryasuye bagenzi babo b'i Goma.

12/03/2011, urubyiruko rw'abakozi ba Rubavu rwasuwe na bagenzi babo b'i Goma.

22 -25, habaye ihurwa ry'abapadiri itsinda rya kabiri ku ihungabana n'ihahamuka, bigamije kubafasha kurushaho gutegamatwi abahuye n'ibyo bibazo, cyane ko abantu babisanzuraho bakabifungurira, twemera ko ari abafasha b'isanamitima bihariye.

Hakozwe kandi n'amahugurwa y'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye (ibigo 88 kuri 94 byari byateganyijwe), bahurijwe mu ma centres 9:

4-6/2/2011, ku Muhororo n'i Muramba.

18-20/02/2011, i Rambura n'i Busasmana.

6-8/05/2011, ku Mubuga n'i Congo Nil.

13-15/05/2011, mu Birambo no ku Nyundo.

20-22/05/2011, Gisenyi (Secteur Gisenyi +Byahi).

Insanganyamatsiko zari « kumenya itegeko rigenga ubutaka no gusobanukirwa no kwandikisha ubutaka » ; « kwimakaza ibikorwa by'ubutabera n'amahoro mu bigo byacu ».

Ingendo-shuri :

7-9/03/2011, itsinda rya mbere ryasuye Kibungo, ryibonera imihingire ya kijyambere y'urutoki, inanasi n'imyumbati.

18-21/05/2011, itsinda rya kabiri naryo ryasuye ibyo bikorwa.

Ibiganiro-mpaka:

Kuva kuri **26/04/2011**, kugera kuri **3/05/2011**, amatsinda atatu y'abakozi ba Komisiyo y'ubutabera n'amahoro ya Nyundo bayoboye ibiganiro bigamije kwibutsa abakristu icyerekezo, inshingano n'uburyo bujyanye n'ubukristu mu gukemura amakimbirane. Buri muryango-remezo ukaba waragenewe kopi imwe y'indirimbo « **Amahoro iwacu** » n'isengesho rya Mutagatifu Fransisko w'Asizi « **Nyagasani ngira umugabuzi w'amahoro yawe** ». Kandi buri muryango remezo ukaba ukangurirwa kubizirikana igihe cyose gishoboka.

Alexis KAYITSINGA